REPUBLIC OF RWANDA

EASTERN PROVINCE
GATSIBO DISTRICT
P.O. BOX: 36 NYAGATARE

# ITANGAZO RIGENEWE ABARIMU BIFUZA GUHINDURIRWA AHO GUKORERA

Hashingiwe ku Iteka rya Perezida **No 064/01 ryo ku wa 16/03/2020** rishyiraho sitati yihariye igenga abarimu b'amashuri y'incuke, abanza, ayisumbuye n'ay'imyuga n'ubumenyingiro; cyane cyane mu ngingo zaryo za 53,54,55 ndetse n'iya 56 zivuga kubijyanye n'iyimurwa ry'umwarimu,

Ubuyobozi bw'Akarere ka Gatsibo buramenyesha abarezi bifuza guhindurirwa aho gukorera mu mwaka w'amashuri wa 2021-2022 kandi bujuje ibisabwa ko kwakira ubusabe bwabo ***bunyujijwe gusa kuri email*** teacherplacement@gatsibo.gov.rw bizatangira taliki ya 30/08/2021 bikazarangira ya 17/09/2021.

**Abifuza guhindurirwa aho gukorera imbere mu Karere barasabwa ibyangombwa bikurikira:**

- Kuba yararangije igihe cy'igeragezwa kandi afite ibaruwa imuha akazi ya burundu
- Ibaruwa ibisaba yandikirwa Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo ikanyuzwa ku buyobozi bw'ikigo ndetse n'Umurenge ahari umwanya usaba yifuza kujyaho
- Icyemezo cy'amanota y'imihigo y'umwaka wa 2020-2021 gitanzwe n'ubuyobozi bw'ikigo akoreraho
- Icyemezo cy'uko afite imyitwarire myiza mu kazi gitangwa n'Umugenzuzi w'Uburezi mu Murenge amaze kugisha inama Umuyobozi w'ishuri umwarimu yigishaho
- Icyemezo gitangwa n'umuyobozi w'ishuri yigishamo kigaragaza ko aho yigisha nta cyuho kizahasigara mu gihe yaba yimuwe

**Abifuza guhindurirwa aho gukorera bava mu tundi Turere baza mu Karere ka Gatsibo barasabwa ibyangombwa bikurikira:**

- Kuba yararangije igihe cy'igeragezwa kandi afite ibaruwa imuha akazi ya burundu
- Ibaruwa ibisaba yandikirwa Umuyobozi w'Akarere w'aho ishuri yigishamo riherereye ikanyuzwa ku buyobozi bw'ikigo n'Umurenge ahari umwanya usaba yifuza kujyaho ndetse no ku muyobozi w'Akarere ka Gatsibo
- Icyemezo cy'amanota y'imihigo y'umwaka wa 2020-2021 gitanzwe n'ubuyobozi bw'ikigo akoreraho
- Icyemezo cy'uko afite imyitwarire myiza mu kazi gitangwa n'Umugenzuzi w'Uburezi mu Murenge amaze kugisha inama Umuyobozi w'ishuri umwarimu yigishaho

- Icyemezo gitangwa n'umuyobozi w'Akarere Ishuri yigishamo rihererereyemo kimwemerera ko Akarere ka Gatsibo kamuha umwanya aho avuye ntibagire icyuho
- Fotokopi ya Diplome ahemberwa na Fotokopi y'Indangamuntu

**Abifuza gusinyirwa bava mu Karere ka Gatsibo bajya mu tundi Turere barasabwa ibyangombwa bikurikira:**

- Kuba yararangije igihe cy'igeragezwa kandi afite ibaruwa imuha akazi ya burundu
- Icyemezo gitangwa n'Umuyobozi w'Akarere w'aho Ishuri yifuza kujya kwigishamo riherereye kigaragaza ko aho yifuza kujya kwigisha hari umwanya
- Ibaruwa ibisaba yandikirwa Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo
- Icyemezo cy'amanota y'imihigo y'umwaka wa 2020-2021 gitanzwe n'ubuyobozi bw'ikigo akoreraho
- Icyemezo cy'uko afite imyitwarire myiza mu kazi gitangwa n'Umugenzuzi w'Uburezi mu Murenge amaze kugisha inama Umuyobozi w'ishuri umwarimu yigishaho
- Icyemezo gitangwa n'umuyobozi w'Ishuri yigishamo kimwemerera ko aho avuye nta cyuho kizaba mu masomo yigishaga

Bikorewe Gatsibo , kuwa 30/08/2021

AKARERE KA GATSIBO

**Manzi Théogène**
Vice Mayor in Charge of Economic Development - GATSIBO DISTRICT

**GASANA Richard**
Umuyobozi w'Akarere ka Gatsibo